Bakristu, Bavandimwe, mbanje kubifuriza mwese icyumweru cyiza cya mashami.

Kuri iki cyumweru cya Mashami, icyumweru tumenyereye kwita icyumweru cy'Ububabare bwa Nyagasani, amasomo tumaze kumva, cyane cyane Ivanjiri y'Ububabare bwa Yezu Kristu, ni amasomo dukwiye kuzirikana cyane mu mitima yacu, tukifatanya na Yezu Kristu muri ubu bubabare bwe, ari na bwo dukesha umukiro wacu.

Niyo mpamvu inyigisho yo kuri iki cyumweru igiye kuba ngufi, ariko mbasaba ko uyu munsi ndetse n'iki cyumweru cyose gitagatifu twazakomeza kuzirikana kuri ubu bubabare bwa Yezu Kristu.

Kuri iki cyumweru cya Mashami, navuga ko tuzirikana ku bintu bibiri by'ingenzi:

1. **Ikuzo rya Kristu** 2. **Umusaraba wa Kristu**

Twazirikanye ku ikuzo rya Kristu mu ntangiriro z'ikigitambo duhesha umugisha ayamashami twaje twitwaje. Muribuka ko igihe Yezu Kristu yinjiraga mu mugi waYeruzalemu, yawinjiranyemo icyubahiro cyinshi, abayahudi bamufata nk'Umwami, bagenda basasa ibishura byabo mu nzira ahoyanyuraga. Iyo natwe duhesha amashami umugisha, ndetse tukanayatambagirana nk'uko twabikoze tuba twibuka iryo kuzo ryaYezu ubwo yinjiraga muri Yeruzalemu.

Nyamara rero iryo kuzo rya Yezu Kristu twongeye no kurizirikana ku bundi buryo, noneho atari mu byishimo, ahubwo ari mu gahinda ko kumusaraba. Yezu

wari umwami bapfukamira, mukanya gato agahinduka ruvumwa, agasuzugurwa, akagirirwa nabi, agacirwa mu maso, bikageza naho ndetse abambwa kumusaraba. Bakristu, Bavandimwe, uwo musaraba wa Yezu Kristu, niwo twita Ikuzo rye, ndetse ugahindukira ukaba n'ikuzo ryacu nk'uko Pawulo Mutagatifu akunda kubigarukaho. Koko rero ni kuri uwo musaraba Yezu yagaragaje ububasha bwe, ubwo yapfaga ku wa gatanu mutagatifu kw'isaha ya saa cyenda. Muri cyagihe isi yose yahindaga umushyitsi, maze ku isi yose hagacura umwijima. Turibuka ko kandi muri icyo gihe ari nabwo wa mubambiko wo mu ngoro y'Imana watanyutsemo kabiri kuva hejuru kugera hasi. Ivanjiri iduha ubuhamya ivuga icyo gitangaza cyatumye Umutegeka w'abasirikari wari uhagaze ahongaho yaravuze ati: "Koko, uyu yari Umwana w'Imana. Koko uriya muntu yari Intungane".

Bakristu, Bavandimwe, ibyo byose: Ikuzo rya Kristu nk'Umwami w'Abayahudi, ikuzo rya Kristu nk'Umwana w'Imana, twabyumvise muri aya masomo matagatifu uko ari atatu twumvise.

Mu isomo rya mbere, twumvise ubutumwa bw'umuhanuzi Izayi utubwira mu ncamake ubutore n'ubutumwa bwacu twahawe. «Uhoraho yampaye ururimi, ambwira icyo mvuga kugira ngo menye kuramira uwarushye. »(Iz 50, 4). Koko rero ntawibereyeho we ubwe, tubereyeho abandi, kandi buri wese muri twe Imana yamugeneye ubutumwa kuva tukiremwa mu nda y'ababyeyi bacu.

Yezu twumvise abyinirwa, asasirwa imyambaro, bamuririmbira, ni we batamirije ikizingo cy'amahwa, bakagenda bamukwena inzira yose nk'uko tuzabizirikana ku wa gatanu mutagatifu. Inzira y'ubutungane ntabwo ari inzira y'ibiryohereye gusa ni n'inzira y'ibishaririye. Ni iy'abemera guheka umusaraba bagakurikira Yezu.

Bakristu, Bavandimwe, kuvuga no kuririmba umusaraba biroroshye, ariko igikomeye ni ukubishyira mu bikorwa. Mw'ivanjiri hari aho Yezu atwigisha atubwira gutegera n'umusaya wa kabiri k'umuntu udukubise urushyi. Ni byo twumvise Umuhanuzi Izayi avuga ati : « Nategeye umugongo abankubitaga, imisaya yanjye nyitegeza abamfuraga ubwanwa ; uruhanga rwanjye sinaruhisha abantukaga bancira mu maso. »(Iz 50, 6).

Na Pawulo Mutagatifu yabigarutseho mw'isomo rya kabiri twumvise, aho yabwiraga Abanyafilipi uburyo Yezu yemeye guca bugufi. Yabivuze agira ati : «Kristu Yezu n'ubwo we yari afite imimerere imwe n'iy'Imana, ntiyagundiriye kureshya na Yo. Ahubwo yihinduye ubusabusa…»(Fil 2, 6-9).

Bavandimwe, muri Batisimu twahawe, buri wese muri twe yagiranye n'Imana isezerano : Kwanga icyaha, GukurikiraYezu Kristu no kumwamamaza. Buri wese Nyagasani amugenera umutwaro ashoboye, akamwereka inzira. « Buri gitondo aradunkangura, akatwigisha gutega amatwi nk'abigishwa. Nyagasani ahora atuzibura amatwi ngo twumve Ijambo rye, natwe ntitukabyangire, ntitugatezuke kuri izo nama tuvoma mu Ijambo rye ». Natwe twemere duce bugufi nka Yezu Kristu, twemere tube ibikoresho byamamaza inkuru nziza ye, twemere atwereke inzira izatugeza ku butungane.

Bavandimwe, Yezu uwo watwitangiye, akemera kudupfira, iyotuzirikana ububabare bwe, bige bitubera akanya ko gusubiza amaso inyuma, turebe niba natwe ubwacu tubabazaYezu Kristu, niba natwe tutamusubiza kumusaraba. Tujye twibaza niba natwe tutagira ibishuko byo gusa n'abamwihakana nka Petero twumvise wamwihakanye inshuro eshatu zose. Indoro ya Yezu Kristu yibukije Petero ko yibagiwe isezerano bagiranye maze bituma yisubiraho. Tureke natwe Nyagasani aturebe, natwe tumurebe, tumushengerere mu kuri no mu rukundo, aturebane impuhwe n'urukundo bye maze adukize. Turabizi neza Urukundo rwe rurenze kure amakosa yacu. Niyo mpamvu igihe cyose tugize ingorane zo gutana tukitandukanya na we, dukwiye kugira n'ubutwari bwo kwisubiraho, tukihutira kumwegera tumutakambira kugira ngo atugarure mu nzira nziza.

Tujye dusubiza amaso inyuma, turebe imyifatire yacu, turebe umubano wacu n'Imana yacu, turebe umubano wacu n'abavandimwe bacu, turebe imvugo zacu, turebe imitekerereze yacu. Ndahamya ko hari aho tuzasanga- nubwo tuba tutabigambiriye-, duzasanga natwe dusubizaYezu kumusaraba kubera ko tutabaniye neza bagenzi bacu, tutabaniye neza abavandimwe bacu aho tuba, aho dukora; kubera ko tutahaye amahoro abaturanyi bacu, tutumvise akababaro kabo. Abo bose tutitaho cyangwa duhemukira, abo bose dutuma babihirwa n'ubuzima, tujye twibuka ko ari Kristu dusubiza kumusaraba. Iki cyumweru gitagatifu dutangiye, kikazatwinjiza muri Pasika ya Nyagasani ntikizadupfire ubusa. Kizadufashe kwivugurura mu buzima bwacu bwa gikristu, cyane cyane nitwijira muri yaminsi itatu y'inyabutatau y'uwa kane, uwa gatanu n'uwagatandatu mutagatifu tuzahavome imbaraga nyazo zizakomeza gutuma turushaho gusa na Yezu Kristu Umwami wacu.

Yezu aratubwira nk'uko yabwiye Intumwa ze, twebwe abayobagurika mu kwemera, twebwe abagishidikanya, abafite ubwoba, abanebwe, abatinya guheka umusaraba ,natwe aratubwira aya magambo yabwiye intumwa ze ati : « Koko

mwasinziriye ? Nimuhaguruke maze mwambaze kugira ngo mutagwa mu bishuko »(Lk 22, 45). Umukristu nyawe agomba guhora ku rugamba, mu byo akora, mu byo avuga, mu byo atekereza, no mu byo yirengagiza gutunganya. Iryo ni ibanga Yezu yahishuriye intumwa kandi natwe aduhishurira. Guhora dusenga kugira ngo tutagwa mu cyaha. Isengesho ni ibanga rikomeye kuri twebwe, Bavandimwe. Niyo ntwaro y'umukristu. Mu gihe abigishwa be bibwiraga ko bashobora kumurwanirira bakoresheje intwaro zari zisanzwe zimenyerewe, Yezu yaberetse ko intwaro iruta izindi zose ari isengesho.

Iki cyumweru gitagatifu kizatume turushaho kuzirikana aho ugukizwa kwacu kwaturutse. Tuzakomeze kuzirikana kuri Yezu wigize umuntu kandi ari Imana, yabibwira rubanda bati: bambwa! Yaje abwiriza abantu gukundana, bo bati : Bambwa kumusaraba! Abategetsi nka Pilato abonye ko azize ubusa, ati: sinishoboreye nimuzane amazi nkarabe, amaraso ye atazambarwaho. Rubanda rwihutiye gufunguza Barabasi w'umujura, w'umwicanyi; naho uwahumuye impumyi zikabona, ibipfamatwi bikumva, uwakijije abacumbagiraga, uwakijije abarwayi, awutubuye imigati akagaburira abashonji n'ibindi n'ibindi bati nabambwe kumusaraba, niyicwe.

Nyamara Bakristu, Bavandimwe, ibyo byose Yezu yabirenzeho agaragaza urukundo, agaragaza imbabazi, ababarira abo bose ahereye kubamuhemukiye kugeza kubamwishe. Nguko uku natwe adahwema kutubabarira igihe cyose natwe tumushubije kumusaraba. Ngayo amizero dukesha Pasika ya Nyagasani twatangiye gutegura guhera kuri iki cyumweru cya Mashami. Mbifurije mwese rero kuzagira Icyumweru gitagatifugihire.Tuzinjiraneukwemera muri ikicyumwerugitagatifu, maze kizabekokogitagatifurwose mu mitimayatwese.

Nyagasani Yezu nabane namwe!